**URWEGO RUSHINZWE KURANGIZA IMIRIMO Y'INKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA (MICT)**

| | |
|---|---|
| **MBERE YA** | : JUJI THEODOR MERON, PEREZIDA |
| **AHAGARARIWE NA** | : JOHN HOPKING, GREFFIYE |
| **KUWA** | : 16 MUTARAMA 2015 |

**DOSSIER UWINKINDI JEAN MICT -12-25**

- **GUSABA YUKO URUKIKO MPUZAMAHANGA RWA KWISUBIZA URUBANZA MICT -12-25**
- **GUSABA BYIHUTIRWA YUKO URUKIKO MPUZAMAHANGA RWATEGEKA KO IBURANISHA RY'URUBANZA RP0002/12/HCCI UBUSHINJACYAHA BUNDEGAMO RIHAGARARA**

## I. INTANGIRIRO

1. Ku itariki ya 30 Ukuboza 2014 , twabashyikirije nka Juji Perezida, w' **Urwego Rushinzwe Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga impungenge aho** twasabaga ikurwaho ry'icyemezo cyo kohereza Urubanza Ubushinjacyaha buregamo UWINKINDI JEAN mu Rukiko Rukuru urugereko ruburanisha ibyaha mpuzamahanga, ikirego cyanditswe kuri RP0002/HCC/2013;

Received by INEZA Innocent
21/01/2015

**Received by the Registry**
**Mechanism for International Criminal Tribunals**
**21/01/2015 12:00**

2. Iryo saba ryari rishingiye yuko nyuma y'icyemezo cyafashwe kuwa 12 Werurwe 2014,aho mwari mwaranze kwakira ibyo twasabaga byo gutesha agaciro iryo yoherezwa ryangye mbere y'Inkiko zo mu Rwanda ariko ntimwabuza ko twazatanga ikindi kirego cyongera gusaba ibyo twavuze haruguru, mugihe dusanze ko ibibazo bitigeze bicyemuka;

3. Ni muri urwo rwego twongeye kubasaba bundi bushya guteshya agaciro Icyemezo cyategetse yuko naburanishirizwa mu Rwanda cyane cyane ko byagaragaye ko ibibazo by' iperereza ,igihembo cy'Abavoka n'ibindi bibazo birebana nabyo bishobora kugira ingaruka ikomeye ku birebana n'ingengabihe, bikagira ingaruka ryo gutegura imyiregurire yacu ndetse no kw'ihamagazwa ry'abatangabuhamya bashinja bigaragara ko bitizweho neza[1];

4. Nkuko twabibagaragarije ubushize hashize amezi arenga icumi nyuma y'icyemezo mwafashe , ibibazo twari twarabajejeho bitarabonewe umuti ahubwo ,ibintu byarakomeje kuba bibi .

[1] Icyemezo cyafashwe cyo gusaba gutesha agaciro icyemezo cyo kohereza urubanza imbere y'ubutabera bw'Urwanda, cyafashwe kuwa 12 Werurwe, 2014, ku rupapuro rwa 3, 428/BIS, urubanza MICT -12-25 , cyagaragajwe mw'isaba ryabanjirije iringiri

5. Nyuma yaho Abunganizi bangye batunguwe n'icyemezo kidakwiye kandi kibogamye cyategekaga iseswa ry'amasezerano yo kunyunganira no kumpagararira imbere y'ubutabera yabaye tariki ya 1 Ugushyingo, 2013 hagati yabo n'Urugaga rw'abavoka mu Rwanda hari Minisiteri y'Ubutabera[2].
6. Nku ruhande rwagiranye amasezerano n'abanyunganira Urugaga rw'Abavoka rwamenyeshejwe icyo kibazo ariko ntirwigeze kugira icyo rubivugaho. [3]
7. Nangye kubwangye, nandikiye Presidente w'Inteko ishinzwe kuburanisha musaba **GUHAGARIKA** IBURANISHA RW' URUBANZA kugirango ibibazo *byose* byavuzwe haruguru bibanze bikemuke, nkuganirwa binyuze mu mucyo n'abavoka natangiranye nabo; kuko nkuko nabivuze ntacyaha mbarega ntanicyaha nzi bakoreye Urukiko.
8. Nongeye kandi *yuko Abavoka banjye badakwiye kuburana mugihirahiro bashizwemo n'integuza ya Ministeri y'Ubutabera, nsaba Urukiko Rukuru kubyihanganira rukaba ruhagaritse kuburanisha mugihe ikibazo cyabo kitara rangira burundu.*
9. Aho kumbaza uko ibyo nshingiraho Presidente w'Inteko yahise anyambura ijambo ategeka ko Urubanza rwaburanishwa ku gahato mw'iburanisha ryo kuwa 15 Mutarama 2015. Presidente w'Inteko yanongeye yuko Urubanza rugomba kuburanishwa nkaho ndahari( par défaut), kandi nari nicaye mu Rukiko

---

[2] Kubw'icyo kibazo, wareba ibaruwa 2185/08 MOK/LSD yanditswe n'umunyamabanga uhoraho yandikira Minisiri w'ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta yungirije.

[3]. Reba icyemezo cyafashwe kuwa 15 Mutarama 2015 n'Urukiko gitegeka abunganizi bangye kwishura amende .

10. Ubujurire twatanze kuri icyo cyemezo mu Rukiko rw'Ikirenga tukanasaba yuko iburanishwa ry'aba rihagaze ntacyo byatanze ahubwo abunganizi bategetswe kwishyura amafaranga ibihumbi maganatanu ( 500.000 RWF)buri wese akazatangwa mbere y'iburanisha ryo kuwa 21 Mutarama 2015 I.

11. Ni muri Urwego mugihe mutarasubiza ibyo twasabye yuko Urukiko Mpanabyaha rwashyiriweho U Rwanda rugomba kwisubiza Urubanza URUBANZA MICT -12-25 tubasaba yuko mwafata by'agateganyo Icyemezo yuko iburanisha ry'uru rubanza ryaba ruhagaze , mu gihe mutarafata Umwanzuro ku Kirego gisaba ko mwakwisubiza Urubanza .

## II. MU RWEGO RW'AMATEGEKO

12. Ingingo ya 22 y'Itegeko no 47/2013 ryo kuwa 16 Kamena 2013 ryerecyeranye N'iyoherezwa rya ma dossier mu Rwanda riteganya yuko iyo **URWEGO RUSHINZWE KURANGIZA IMIRIMO Y'INKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA (MICT) ruvanyeho icyemezo cyohereza Uregwa mbere y'Inkiko z'u Rwanda hashingiye ku ngingo ya 11 bis y'AMABWIRIZA AGYANYE N'IMIBURANISHIRIZE NI BIMENYETSO , UREGWA AHERA ASUBIZWA MURI MECANISME bidatinze na ma dossiers ye yose hashingiye kucyemezo cyafashwe.**

13. **Muri iyi dossier twagaragaje yuko ibisabwa kugirango Uregwa aburane mu mucyo bitubahirizwa n'Inteko ishinzwe kumburanisha mu Rubanza RP 0002/12/HCCI.**

14 Iyo urebye icyemezo cyafashwe na Minisiteri , kikaba kinashimangirwa n'Inteko ishinzwe kuburanisha uru Rubanza , usanga u Rwanda rushaka kunyomekaho Abavoca ku ngufu bazavuga ibyo Procureur na Ministeri babategetse

15 Bivuze ko bashaka kumbuza Uburenganzira bwo kuburanirwa n'Abavoka nihitiyemo , sinshobore kwiregura , nkimwa Uburenganzira bwo kugira abatangabunamya bashinjura bari hanze, bakanzacira Urubanza muri ubwo buryo .

16 Nkomeje kuburana uru Rubanza nkuko babyifuza hari ibintu byinshi byakwangirika ku buryo budasubirwaho , uburenganzira bwangye bwibanze bwaba buhungabanye

17 Ku tariki ya 15 Mutarama 2015. Abacamanza bagize inteko igomba kumburanisha , ntibigeze bashaka kumva impungenge nari nabagejejeho mu baruwa yangye yo kuwa 12 Mutarama 2015 , baje bafashe icyemezo yuko ngomba kuburana byanze bikunze, bazana abatangabunamya banshinja tutarangiza kwiregura .

18 Bacyimara gufata icyemezo yuko Urubanza rugomba gukomeza mu mizi , nahereye ko nkijurira ariko ntacyo byatanze ahubwo abanyunganira bahereye babaca amende .

19 Byunvikane rero yuko Urubanza rukomeje muri ururwego, ingingo ya 11bis ya Reglement de procedure et preuve nkuko ishimangirwa n'Ingingo za 18.3 na 19 z'Itegeko nshinga zizaba zitubahirijwe.

21. Ni muri urwo rwego tubasaba yuko mbere yuko mwazasuzuma ibyo twasabye byerecyeranye no kwisubiza uru Rubanza , mwafata by'agagateganyo Icyemezo gihagarika iburanisha ryuru Rubanza mbere ya Haute Cour.

IBYO NSABA URWEGO ( MICT) MUYOBORA

KUBA MUHAGARITSE BY'AGATEGANYO IBURANISHA MBERE Y'URUKIKO RUKURU , URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA MURWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAHA BYAMBUKA IMBIBI KUBERA NDAKOMEZA KUVUTSWA UBURENGANZIRA NEMEREWE N'AMATEGEKO

BIKOREWE I KIGALI KUWA 15 MUTARAMA 2015

UWINKINDI JEAN

RUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA BYO MU RWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAHA BYAMBUKA IMBIBI, RURI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA URUBANZA RW'INSHINJABYAHA MU RWEGO RWA MBERE RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RUBANZIRIZA URUNDI MU RUBANZA RP 0002/12/HCCI MU RUHAME KUWA 15/01/2015 MU BURYO BUKURIKIRA:

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du peuple Rwandais

HABURANA

UBUSHINJACYAHA

na

UREGWA:

Jean UWINKINDI mwene Subwanone na Ntizisigwa wavutse mu 1951 muri Rutsiro mu cyahoze ari perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri Komine Kanzeze, secteur Kayumba, selire Gatare; yashakanye na Kabagwira Rose, bafitanye abana umunani(8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu akaba afungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekwaho yaba yarakoreye mu Rwanda. Yunganiwe na Me Gatera Gashabana na Me Niyibizi Jean Baptiste

IBYAHA AREGWA:

- Icyaha cya jenoside giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya mbere ndetse n'iya 3(c) ya 'Convention on the Prevention and punishment of the Crime of Genoside[1];

[1] Icyemezo cya General Assembly Numero 206(iii)cyo kuwa 9 december 1948 cyasinywe n'u Rwanda kandi kinjizwa mu mategeko y'u Rwanda n'Itegeko-teka numero 08/75 yo kuwa 12/02/1975, bishyirwa mw'Igazeti ya Leta y'U Rwanda(1975), p 230.

- Icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi gihanishwa ingingo za 120 agace kayo ka 2 ndetse n'ingingo ya 121 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

## I. IMITERERE Y'IKIBAZO

1. Ku itariki ya 13/01/2015, UWINKINDI Jean yandikiye urukiko arumenyesha ko afite impungenge ko nubwo hemejwe ko acyunganiwe na Me GATERA GASHABANA na Me Jean Baptiste NIYIBIZI, iburanisha rikaba rigomba gukomeza, asaba urukiko ko iburanisha ryahagarara kugira ngo ikibazo abamwunganira bagiranye na Minisiteri y'Ubutabera ku byerekeye ibihembo byabo gikemuke kuko asanga batakomeza kumwunganira bari mu gihirahiro.

2. Ku itariki ya 15/01/2015, nyuma y'uko urukiko rumaze kubona ko ibyo UWINKINDI Jean yanditse byafashweho icyemezo mu iburanisha ryo kuwa 08/01/2015 no mu maburanisha yabanjirije iri, rwamenyesheje ababuranyi ko iburanisha rigiye gukomeza. Me GATERA GASHABANA na Me Jean Baptiste NIYIBIZI bahise bajuririra icyo cyemezo basaba ko iburanisha ryaba rihagaze kugirango urukiko rw'Ikirenga rufate icyemezo ku bujurire bwabo. Urukiko rwemeje ko ubujurire bwabo budahagarika iburanisha.

3. Me GASHABANA na Me NIYIBIZI bahise bavuga ko nubwo bakomeje kwunganira UWINKINDI Jean, bikuye mu iburanisha(retrait de comparution) kugira ngo bajye gutanga ubujurire mu rukiko rw'ikirenga. UWINKINDI Jean asigara atunganiwe.

4. Hakaba hagomba gusuzumwa ingaruka y'icyemezo cy'abavoka cyo kwikura mu iburanisha.

## II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

5. Uwinkindi Jean yamenyesheje urukiko ko nubwo rwemeje ko iburanisha rikomeza, we adashobora kuburana atunganiwe, asaba ko hubahirizwa ibiteganywa mu ngingo ya 18 y'itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu gika cyayo cya 3.

6. Ubushinjacyaha busanga koko UWINKINDI Jean adashobora kuburana atunganiwe ariko busaba ko imyitwarire y'abavoka ba UWINKINDI Jean igamije gutinza urubanza ku bushake, yafatwaho imyanzuro.

7. Ingingo ya mbere y'itegeko № 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza mbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko iri tegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ni na ryo rigenga imiburanishirize y'izindi manza mu gihe nta yandi mategeko yihariye agenga iyo miburanishirize yindi, keretse mu gihe amahame ateganywa muri iri tegeko adashobora gukoreshwa mu zindi manza.

8. Ingingo ya 15 y'itegeko № 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza mbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko umu avoka wese utinza ku bushake iburanisha ry'urubanza kimwe n'uwiyambaza inzira zo kujurira mu buryo bwo gutinza urubanza acibwa ihazabu mbonezamubano kuva ku bihumbi magana abiri kugeza ku bihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda.

9. Urukiko rushingiye ku ngingo zavuzwe haruguru, rusanga nyuma y'uko rufashe icyemezo cyo gukomeza iburanisha, abunganira UWINKINDI Jean bahise bavuga ko bikuye mu iburanisha, bikaba bigaragaza ko basuzuguye icyemezo cy'urukiko bagamije gutinza urubanza, bityo bakaba bagomba gucibwa buri wese ihazabu mbonezamubano ya 500.000 frw.

10. Ku birebana n'uburenganzira bw'uregwa bwo kuburana yunganiwe, urukiko rushingiye ku ngingo ya 18 y'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u RWANDA ivuga ko kunganirwa ari uburenganzira bundahungabanywa mu bihe byose, rusanga UWINKINDI Jean ataburana atunganiwe, bityo iburanisha ry'uru rubanza rikaba rigomba kwimurwa.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

11. Urukiko rwemeje ko Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste baciwe ihazabu mbonezamubano ya 500.000 frw kuri buri wese.

12. Rutegetse ko iyo hazabu itangwa icyemezo kikimara gusomwa.

13. Rutegetse ko iburanisha ry'uru rubanza rizakomeza kuwa 21/01/2015 saa mbiri n'igice.

RUKIJIJWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE TARIKI YA 15/01/2015.

Sé
NGENDAKURIYO R. Alice
**Perezida**

Sé
KANYEGERI Timothée
**Umucamanza**

Sé
NSANZIMANA Fidèle
**Umucamanza**

Sé
UWASE Zita
**Greffier**

Copie certifiée conforme à l'original
Fait à KIGALI, le..15/01/2015
Greffier...UWASE Z...

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, 08 JAN 2015 742

N° 26/08.21/MD/PsO

Annexe II

MINISITERI Y'UBUTABERA
P.O. BOX 160 KIGALI
Tel: (250) 252586561 Fax: (250) 252586509
E-mail : mjust@minijust.gov.rw

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abavoka
KIGALI

**Impamvu** : Kubagezaho Inyandikomvugo y' inama

Bwana Perezida,

Nejejwe no kubohereza ku mugereka inyandikomvugo y'inama yabaye kuwa Kabiri tariki ya 06 Mutarama 2015, yahuje Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta n'Ukuriye Urugaga rw' Abavoka ku bijyanye n'amasezerano yo kunganira Uwinkindi Jean.

Urakoze.

**BUSINGYE Johnston**
**Minisitiri w'Ubutabera/IntumwaNkuru ya Leta**

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida w' Urukiko rw' Ikirenga
- Bwana Umushinjacyaha Mukuru
- Bwana Perezida w' Urukiko Rukuru
- ~~Me GATERA GASHABANA~~
- Me NIYIBIZI Jean Baptiste

**KIGALI**

# INYANDIKOMVUGO Y'INAMA KU BIJYANYE N'AMASEZERANO YO KUNGANIRA UWINKINDI JEAN

None kuwa kabiri tariki ya 06 Mutarama 2015, Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta yakoranye inama n'ukuriye Urugaga rw'Abavoka Me RUTABINGWA Athanase hari n'Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije. Iyo nama yari igamije gusuzuma ibijyanye n'amasezerano hagati ya MINIJUST, Me GATERA Gashabana na Me NIYIBIZI Jean Baptise ndetse n'Urugaga rw'Abavoka yo kunganira UWINKINDI Jean ukurikiranyweho icyaha cya Jenoside woherejwe kuburanira mu Rwanda.

Mu gutangiza inama Nyakubahwa Minisitiri akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta yatangiye yibutsa impapmvu habayeho kutumvikana hagati y'impande zombi ku guhindura amasezerano.

Yasobanuye ko MINIJUST yasabaga ko ayo masezerano yasubirwamo kugira ngo ahuzwe na Politiki yo gutanga ubufasha mu by'amategeko (Legal Aid Policy) ndetse no guhuza n'andi masezerano kugira ngo ibigenerwa abunganira aboherejwe kuburanira mu Rwanda bibe bimwe kuko ababuranyi bose bareshya.

Abari mu nama basuzumye uko iburanisha ryo kuwa 30/12/2014 ryagenze n'ibyo abunganira UWINKINDI bashingiyeho basaba ko urubanza rusubikwa, aho bavuze ko batagifite ububasha bwo kunganira UWINKINDI.

**Imyanzuro y'inama:**

Abari mu nama basanze:

1. Ingingo ya 7 y'amasezerano hagati ya MINIJUST, Me GATERA GASHABANA, Me NIYIBIZI n'Urugaga rw'Abavoka iteganya ko igihe habayeho gusesa amasezerano hanatangwa integuza y'amezi atatu kandi ko iyo nteguza yatanzwe.
2. Mu ibaruwa yo kuwa 22/12/2014 MINIJUST yaratanze integuza y'amezi atatu uhereye igihe abunganira UWINKINDI baboneye ibaruwa, kandi inabibutsa ko muri icyo gihe bakomeza kunganira UWINKINDI nk'uko biteganyijwe.

3. Amasezerano afite agaciro kugeza igihe cy'amezi atatu y'integuza yatanzwe kirangiye, ni ukuvuga ko uretse kunganira UWINKINDI n'ibiganiro (negotiations) hagati ya MINIJUST n'abamwunganira nta kibibuza gukomeza.
4. Me GATERA na Me NIYIBIZI bakwiye gukomeza kunganira UWINKINDI kandi bazabiherwa igihembo uko amasezerano abiteganya.

Bikorewe i Kigali kuwa 06/01/2015

Uwayoboye inama

MINISITERI Y'UBUTABERA

BUSINGYE Johnston

**Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta**

# INYANDIKOMVUGO Y'INAMA KU BIJYANYE N'AMASEZERANO YO KUNGANIRA UWINKINDI JEAN

None kuwa kabiri tariki ya 06 Mutarama 2015, Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta yakoranye inama n'ukuriye Urugaga rw'Abavoka Me RUTABINGWA Athanase hari n'Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije. Iyo nama yari igamije gusuzuma ibijyanye n'amasezerano hagati ya MINIJUST, Me GATERA Gashabana na Me NIYIBIZI Jean Baptise ndetse n'Urugaga rw'Abavoka yo kunganira UWINKINDI Jean ukurikiranyweho icyaha cya Jenoside woherejwe kuburanira mu Rwanda.

Mu gutangiza inama Nyakubahwa Minisitiri akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta yatangiye yibutsa impapmvu habayeho kutumvikana hagati y'impande zombi ku guhindura amasezerano.

Yasobanuye ko MINIJUST yasabaga ko ayo masezerano yasubirwamo kugira ngo ahuzwe na Politiki yo gutanga ubufasha mu by'amategeko (Legal Aid Policy) ndetse no guhuza n'andi masezerano kugira ngo ibigenerwa abunganira aboherejwe kuburanira mu Rwanda bibe bimwe kuko ababuranyi bose bareshya.

Abari mu nama basuzumye uko iburanisha ryo kuwa 30/12/2014 ryagenze n'ibyo abunganira UWINKINDI bashingiyeho basaba ko urubanza rusubikwa, aho bavuze ko batagifite ububasha bwo kunganira UWINKINDI.

**Imyanzuro y'inama:**

Abari mu nama basanze:

1. Ingingo ya 7 y'amasezerano hagati ya MINIJUST, Me GATERA GASHABANA, Me NIYIBIZI n'Urugaga rw'Abavoka iteganya ko igihe habayeho gusesa amasezerano hanatangwa integuza y'amezi atatu kandi ko iyo nteguza yatanzwe.
2. Mu ibaruwa yo kuwa 22/12/2014 MINIJUST yaratanze integuza y'amezi atatu uhereye igihe abunganira UWINKINDI baboneye ibaruwa, kandi inabibutsa ko muri icyo gihe bakomeza kunganira UWINKINDI nk'uko biteganyijwe.

3. Amasezerano afite agaciro kugeza igihe cy'amezi atatu y'integuza yatanzwe kirangiye, ni ukuvuga ko uretse kunganira UWINKINDI n'ibiganiro (negotiations) hagati ya MINIJUST n'abamwunganira nta kibibuza gukomeza.
4. Me GATERA na Me NIYIBIZI bakwiye gukomeza kunganira UWINKINDI kandi bazabiherwa igihembo uko amasezerano abiteganya.

Bikorewe i Kigali kuwa 06/01/2015

Uwayoboye inama

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

é

Annexe 2

**Maitre GATERA GASHABANA**

**TEL: 0788303744**

**Maitre NIYIBIZI JEAN BAPTISTE**

**TEL:0788502007**

**AVOCATS**

ORDRE DES AVOCATS
POUR RECEPTION
Date : 19/01/2015
Signature : ...

**MONSIEUR LE BATONNIER DE L'ORDRE DES AVOCATS**

**BARREAU DU RWANDA**

**KIGALI**

**Concerne : Rappel de notre correspondance du 30 Décembre 2014.**

Monsieur le Batonnier et Honnoré Confrère.

**Nous nous permettons très respectueusement de vous rappeler notre corrrespondance du 30 décembre 2014 sollicitant la mise en place d'une Commission au niveau du Conseil de l'Ordre chargée de formuler des recommandations sur la décision prise par la Secrétaire Pemanente du Ministère de la Justice portant résiliation du Contrat d'assistance et de représentation en justice conclu entre le Barreau et les Conseils de Défense de l'Accusé Uwinkindi Jean en date du premier novembre 2013 en présence du Représentants du Ministère concerné. Elle est demeurée sans suite jusqu'à ce jour.**

**En effet, nous vous avions fait part de ce que le Ministère de la Justice n'avait aucune qualité pour s'arroger le droit de résilier unilatéralement le Contrat d'Assistance et de Représentation en justice qui nous lie à l'Ordre .**

**Nous avions également attiré votre attention sur le contenu de l'Article 7 alinéa 2 du Contrat concernant les effets de toute résiliation, fut elle avec préavis .**

**Depuis le 08 Janvier 2015, nous subissons des pressions de la part du Siège qui nous oblige de plaider le fond de l'Affaire. *Pourtant, aux termes de la clause contractuelle precitée, il est expressement prescrit, que lorsque le contrat est résilié , les Conseils de la Défense remettent toutes les pieces du dossier en leur possession aux confreres qui leur succedent dans la même affaire sans plus .***

My

é

La necessité d'une quelconque continuation des prestations n'est nulle part évoquée dans le contrat , comme tente de le soutenir le Ministre .

A l'audience publique de 08 Janvier 2015,Le Ministre de la Justice a produit une correspondance , faisant état d'un procès verbal d'une rencontre qu'il aurait présidée le 06 Janvier 2015 en votre présence et au cours de laquelle des décisions auraient été prises sur cette question( Voir Annexe 1)

Curieusement , au bas dudit procès verbal, il ne figurait que la signature du Ministre ét non la votre. Ne s'agit- il pas d'une décision unilaterale que l'on veut imposer au Barreau . Devant la Cour, nous avions soutenu qu'une telle decision ne saurait vous être opposée .

Aux audiences publiques du 08 et 15 Janvier 2015,se fondant sur ce procès verbal , la présidente du siege, nous a intimés de plaider le fond du litige, en ne nous laissant aucune autre alternative et interrompant systématiquement toute réplique y afférente.

Nous avons interjeté appel contre cette décision en insistant sur l'impérieuse necessité qu'il y avait pour la Cour de surseoir à instruire le dossier conformément aux Articles 18 et 27 de la loi sur le transfert et surtout sur le principe de l'effet suspensif de l'Appel .

En dépit de la pertinence de ce soutènement, la Cour a décidé d'instruire le fond du litige. Dans l'entretemps, aux termes d'une correspondance adressée à la Cour le 12 Janvier dont copie vous avait été adressée, notre client avait solicité la surséance de toute instruction compte tenu des intimidations dont nous faisions l'objet . Il s'agissait des instructions émanant du client auxquelles nous ne pouvions nous dérober.

En dépit de l'état psychologique dans lequel, nous nous buttons au regard de la succession de tous ces évenements malheureux et surtout de cette athmosphère empreinte de suspicion, la présidente du siege est demeurée imperturbable , considérant qu'il fallait malgré tout plaider la cause au fond .

Devant cette situation, nous ne pouvions que nous conformer aux instructions de notre client solicitant la suspension de l'instruction tant que la situation consecutive à la résiliation du contrat n'avait pas été clarifiée,aucune garantie pour un procès equitable ne pouvant être assurée.

C'est dans ces conditions, que nous avons du retirer notre comparution pour les raisons ci après :

My

é

- Ne pas prêter le flancs à une parodie de justice
- Faire fixer l'appel que nous venions d'interjeter devant le Greffe de la Cour Suprême
- Vous transmettre nos doléances.

Pour toute réponse, nous avons écopé une amende civile de cinq cent milles chacun aux motifs que nous aurions manqué du respect à la Cour( Voir Annexe II) .

Devant cette situation, nous reiterons notre requête. En effet, il vous plaira de constituer une commission du conseil de l'Ordre chargée de clarifier cette situation afin de nous mettre à l'abri des intimidations et interferences de tout genre . Le Siège prend fait et cause pour l'Organe des Poursuites et se soucie le moins possible de toute requête émanant de l'accusé encore moins de ses Conseils.

Tant que nos activités professionnelles feront l'objet d'ingérences intempestives de l'exécutif, il ne nous sera pas possible d'assurer le suivi des procedures que vous nous confiez en toute indépendance et dans le respect des droits à un procès équitable.

Voilà pourquoi, dans l'interêt d'une bonne administration de la justice nous attirons votre attention sur la gravité de cette situation en esperant que vous pourrez y resever le bénéfice de l'urgence qu'elle requiert.

Nous sommes disposés à apporter à la commission tous les éclaircissements susceptibles de lui permettre d'élaborer une feuille de route fixant un mode de collaboration plus efficace entre le Barreau et le Ministère dans le plein respect des droits de chacune de ces institutions et surtout en vue de sauvegarder les droits de la Défense .

BARREAU DE KIGALI
Maître GATERA GASHABANA
Avocat
B.P. 4676 Kigali
Mob. 0788300044/ 0728300044
E-mail: kavinc57@yahoo.fr

MAITRE GATERA GASHABANA

MAITRE NIYIBIBIZI JEAN BAPTISTE

AVOCATS